

REPUBLIKA Y'U RWANDA



RAPORO Y'IBIKORWA RAPORO Y'IBIKORWA 2004

URWEGO RW'UMUVUNYI

B.P. 6269 KIGALI



Mutarama 2005

IJAMBO RY'IBANZE

Urwego rw'Umuvunyi runejeje no gushyikiriza Nyakubahwa Perezida wa Repubulika raporo yarwo y'Umwaka wa 2004. Rwishimiye no kuyishyikiriza Inteko Ishinga amategeko nk'uko bigenwa n'Itegeko n°25/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi. Rwishimiye kandi kugeza kopi y'iyi raporo kuri Guverinoma no ku Rukiko rw'Ikirenga.

Iyi raporo ni iya mbere kuva aho Urwego rutangiriye imirimo ya rwo iribanda ku kugaragaza ibyakozwe birebana n'igikorwa cyo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, n'uruhare Urwego rwagize mu guteza imbere imiyoborere myiza, iragaragaza kandi aho igikorwa cy'imenyekanishamitungo kigeze .

Ibice bigize iyi raporo bijyanye n'imirimo y'Abavunyi bakorera mu bwuzuzanye n'amashami ane agize inzego z'imirimo z'Urwego rw'Umuvunyi .Iyo mirimo yakozwe hakurikijwe inshingano nkuru z'Urwego rw'Umuvunyi ari zo :

- 1. Guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsu za Leta n'izigenga ;*
- 2. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, mu Nzego z'ubutegetsu bwa Leta n'izigenga;*
- 3. Kwakira no gusuzuma, mu rwego rwavuzwe haruguru, ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe yigenga, byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera ku giti cyabo, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite ishingiro;*
- 4. Kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri y'abayobozi b'igihugu kuva ku rwego rwo hejuru kugeza ku rwo hasi n'abandi bakozi bateganywa n'itegeko.*

Umuvunyi Mukuru, Abavunyi bungirije n'Abakozi, bizeye ko iyi raporo igaragaza neza ibikorwa Urwego rw'Umuvunyi rwakoreye mu gihugu hose muri uyu mwaka wa 2004.

Baboneyeho kandi gukangurira buri munyarwanda kugira uruhare mu gikorwa cyo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo.

Kugira ngo bigerweho birasaba ko inzego zose zirebwa n'ibibazo by'akarengane, ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo zigira uruhare mu gushakira ibisubizo bihamye ibibazo byagaragaye hirya no hino.

Abagize Urwego rw'Umuwunyi baboneyeho na none gushimira byimazeyo Leta y'u Rwanda, abaturarwanda bari hirya no hino mu Ntara , n'abari mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi, bashyigikiye ibikorwa bikubiye muri iyi raporo.

Tito RUTAREMARA

Umuwunyi Mukuru

IRIBURIRO

Urwego rw'Umuvunyi rwateganyijwe mu ngingo ya 182 y'Itegeko Nshinga ryo ku wa 04/06/2003, rushyirwaho n'Itegeko n° 25/2003 ryo ku wa 15 Kanama 2003 rigena imiterere n'imikorere yarwo .

Urwego rw'Umuvunyi ruyoborwa n'Umuvunyi Mukuru yunganiwe n'Abavunyi babiri Bungirije, umwe ushinzwe gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, undi ushinzwe kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Batowe n'Umutwe wa Sena barahirira kurangiza imirimo bashinzwe imbere ya Perezida wa Repubulika hari Inteko Ishinga Amategeko n' Urukiko rw' Ikirenga, ku itariki ya 7 Ugushyingo 2003.

Inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko ziteganywa n'itegeko n° 25/2003 ryo ku wa 15 Kanama 2003 kandi zongerewe n' ivugururwa ry'ingingo ya 182 y' Itegeko Nshinga ryo ku wa 02/12/2003 cyane cyane ku byerekeye abayobozi bagomba kurugaragariza imitungo yabo, zikubiye mu ngingo enye nini zavuzwe mu ijamba ry'ibanze.

Nk'uko ingigo ya 7 igika cya 12 itegeko n°25/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi ibiteganywa, Urwego rw'Umuvunyi rushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko porogaramu na raporo z'ibikorwa byarwo, izindi nzego za Leta zivugwa mu ngingo ya 23 zikagenerwa kopi.

Ibikorwa bikubiye muri iyi raporo byagezweho ku bwuzuzanye bw' Abavunyi n'inzego z'imirimo zishinzwe gushyira mu bikorwa inshingano z' Urwego rw'Umuvunyi.

Izo nzego z'imirimo zikorera mu mashami akurikira :

- Ishami ry'imirimo rusange
- Ishami ry'imenyekanishamutungo
- Ishami rishinzwe gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
- Ishami rishinzwe kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Ibikorwa bikubiye muri iyi raporo bigizwe n'ibice bitanu :

- I. Ibyakozwe n'abavunyi**
- II. Ibikorwa by'amashami**
- III. Ingorane**
- IV. Ibyifuzo**
- V. Umwanzuro**

I. IBYAKOZWE N'ABAVUNYI

Uretse ibikorwa byihariye bya buri Muvunyi, Abavunyi bahuriye ku gikorwa cyo gutegura Umushinga w'Itegeko rivugurura Itegeko rigena imiterere y'Urwego rw'Umuvunyi, bawushyikiriza Guverinoma. Abavunyi bateguye umushinga w'itegeko rigenga imyitwarire n'imyifatire y'abayobozi. Bahuye kandi kenshi mu nama banafata ibyemezo binyuranye ku bibazo by'abaturage, ku mikoranire y'Urwego n'izindi nzego no ku migendekere ya buri muni y'akazi k'Urwego rw'Umuvunyi.

I.1 Ibiro by'Umuvunyi Mukuru

Umuvunyi Mukuru ni we ushinzwe guhuza no kuyobora imirimo y'Urwego mu buryo ishingano zarwo zose zuzuzwa akaba n'umuvugizi warwo mu nzego z'igihugu no mu mahanga.

Mu gihugu

Umuvunyi Mukuru ayobora inama z’abavunyi zifatirwamo ibyemezo bijyanye no kunoza imikorere y’Urwego.

Mu mikoranire n’izindi nzego zo mu gihugu, Umuvunyi Mukuru yatumiwe mu nama zinyuranye no mu mahugurwa y’inzego z’ibanze, mu ngando zateguwe na Komisiyo y’Ubumwe n’Ubwiyunge aho yagiye atanga ibiganiro binyuranye.

Umuvunyi Mukuru yakiriye ku cyicaro cy’Urwego abantu b’ingeri nyinshi baba abanyarwanda cyangwa abanyamahanga ku mpamvu zinyuranye :

Abamugezaho ibibazo by’akarengane, n’abanoza umubano n’imikoranire n’Urwego rw’Umuvunyi.

Umuvunyi Mukuru yakiriye by’umwihariko abahagarariye igihugu cy’Afurika y’Epfo, n’Ubufaransa

Mu mahanga

Mu rwego rwo kunoza umubano n’amahanga, umuvunyi Mukuru yagize ingendo eshatu :

- Muri Afurika y’Epfo yatumiwe n’Umuryango ICD (Independent Complaints Directorate of South Africa),
- Muri Etiyopia aho yatumiwe mu nama yabereye ku cyicaro cy’Umuryango w’Ubumwe bw’Afurika;
- Abuja muri Nijeriya, mu nama yo gushyiraho Umuryango APCOF (African Policing Civilian Oversight Forum).

I.2 Umuvunyi wungirije ushinzwe kurwanya akarengane, ruswa n’ibyaha bifitanye isano na yo

Mu rwego rwo gukangurira abanyarwanda kwirinda icyorezo cya ruswa n’ibyaha bifitanye isano na yo, no guhugurira abantu banyuranye ivugururwa ry’amategeko n’inzego nshya

z'ubucamanza mu mwaka wa 2004, Umuvunyi wungirije ushinzwe kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo yatanze ibiganiro mu nama zinyuranye no mu bihe bitandukanye.

- Ku wa 17/01/2004 Umuvunyi wungirije yatanze ikiganiro mu Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki mu Rwanda kuri gahunda y'imirimo y'Urwego rw'Umuvunyi n'imikoranye yarwo n'izindi nzego;
- Ku wa 28/03/2004 abakozi ba HAGURUKA bahuguriwe ku mikorere y'Urwego rw'Umuvunyi;
- Ku wa 26/08/2004 no ku wa 06/10/2004 mu Rukiko rw'Ikirenga abacamanza bahuguwe ku ruhare rw'umucamanza mu kugarurira icyizere ubutabera, no kurwanya akarengane na ruswa ;
- Ku wa 31/08/2004, abapolisi b'Igihugu bahuguwe ku ivugururwa ry'amategeko y'inzego z'ubutabera ,
- Ku wa 30/09/2004, abayobozi b'Intara ya Gikongoro n'ab'aturere tuyigize bahuguriwe ku birebana na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
- Mu ntangiriro z'Ukwakira 2004, abayobozi n'abakozi ba Banki Nyarwanda Itsura Amajyambere (BRD) bahuguwe ku bijyanye na ruswa n'akarengane;
- Ku wa 15/10/2004, Provinsi y'itorero ry'ubwepisikopi mu Rwanda (PEER) abepisikopi baganiriwe ku ruhare rw'Umuvunyi n'inkunga batanga mu kubaka igihugu;
- Kuwa 18 /11/2004 abanyamuryango ba ROTARY CLUB DE KIGALI bahuguriwe ku ngaruka za ruswa,

I.3 Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo

Mu rwego rwo korohereza ingendo abaturage no kumva ibibazo byabo bitarangiye n'inzego z'ubuyobozi, Umuvunyi wungirije yageze mu Turere tumwe na tumwe tw'Intara

zose z'Igihugu.

Yagezaga ku banyarwanda bari mu ngeri zitandukanye imikorere n'imiterere y'Urwego rw'Umuvunyi n'icyo Urwego rubatezeho mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifatanye isano na yo.

Ibiganiro yatanze :

- Ku matariki ya 2-3/06/04 Umuvunyi wungirije yatanze ikiganiro mu mahugurwa y'inzego z'ibanze zo mu Ntara ya Gikongoro. Ayo mahugurwa yabereye ahantu hatatu hatandukanye : Umujyi wa Gikongoro-Nshili na Nyaruguru aho yatangaga ibiganiro ku miterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, n'icyo rubatezeho nk'abayobozi.
- Ku itariki ya 18/08/04, mu mahugurwa yabereye i Nyanza, mu Ntara ya Butare Umuvunyi wungirije yatanze ikiganiro kijyanye n'imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, asobanura icyo Urwego rwifuzaga ku mikorere y'abacamaza;
- Mu nama yo ku wa 12 na 13/08/04 yateguwe na MINALOC n'Urwego rw'Umuvunyi, Umuvunyi wungirije yatanze ikiganiro ku ruhare rw'Urwego rw'Umuvunyi mu gukumira ruswa.

II. IBIKORWA BY'AMASHAMI

II.1 Ishami rishinzwe imirimo rusange

Mu nshingano z'Ishami rishinzwe imirimo rusange, harimo gushakira andi mashami ibyangombwa byose bikenewe kugira ngo abashe kuzuza inshingano zayo. By'umwihariko rishinzwe gutegura ingengo y'imari y'Urwego, kuyishyira mu bikorwa no gutunganya gahunda y'ibikorwa. Ku bufatanye n'andi mashami hateguwe gahunda y'ibikorwa y'imyaka ibiri (2004-2005).

Ibikorwa by'iryo shami bigaragara muri serivisi zikurikira :

- Serivisi ishinzwe imari ,
- Serivisi y'ubunyamabanga rusange
- Serivisi ishinzwe abakozi
- Serivisi y'ikoranabuhanga (ICT)
- Serivisi ishinzwe ibikoresho
- Serivisi y'isomero
- Serivisi y'imikoranire rusange n'itumanaho

II.1.1 . Serivisi ishinzwe imari

Mu gutangira imirimo , Urwego rw'Umuvunyi rwatangiranye amafaranga angana na miliyoni esheshatu, ibihumbi mirongo irindwi na kimwe magana atatu na mirongo icyenda (6.071.390frw) yari yarateganyirijwe ibiro by'Umuvunyi byari muri Perezidansi ya Repubulika.

Ingengo y'imari y'umwaka wa 2004 yari ihwanye n'amafaranga miliyoni magana ane na mirongo irindwi n'ebiyiri , ibihumbi magana abiri mirongo icyenda na kimwe magana cyenda mirongo itanu n'abiri (472.291.952frw). Hakurikijwe gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi, iyo ngengo y'imari yabaye ntoya, Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yongerera Urwego amafaranga angana na miliyoni mirongo irindwi n'eshanu ibihumbi magana atanu mirongo inani na bibiri magana arindwi na mirongo inani n'ane (75.582.784frw) .

Uko ingengo y'imari yakoreshejwe bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

II.1.2. Serivisi y'ubunyamabanga rusange

Imirimo yakozwe mu bunyamabanga rusange ni iyo kwakira, gutegura no kugeza inyandiko z'Urwego rw'Umuvunyi ku bo zigenewe , gushyingura inyandiko n'ibindi byakozwe mu rwego rwo kunganira izindi serivisi.

II.1.2.1 Ibyerekeye inyandiko zisohoka

Kuva muri Mutarama kugeza mu Kuboza 2004 ubunyamabanga rusange bwohereje inyandiko magana inani na cumi n'eshanu (815) . Muri zo magana abiri n'umunani (208) ni izisubiza abantu ku giti cyabo mu basabye Urwego rw'Umuvunyi kubarenganura; izisigaye magana atandatu na zirindwi (607) ni izoherejwe mu nzego za Leta n'izigenga.

Iposita ikorana n'Urwego rw'Umuvunyi mu kugeza izo nyandiko aho zigomba kugera mu Ntara zose z'u Rwanda.

II.1.2.2. Inyandiko zinjira

Inyandiko zinjije muri uyu mwaka ziri mu bice bikurikira :

1. Inyandiko zaturutse mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta n'iz'abikorera ku giti cyabo;
2. Inyandiko z'abaturage ari na zo nyinshi banditse basaba kurenganurwa.
3. Inyandiko z'abapiganira amasoko anyuranye atangwa n'Urwego n'iz'abishyuzza imirimo baba barakoreye Urwego rw'Umuvunyi..

II.1.3 Serivisi ishinzwe abakozi

Mu ntangiriro y'imirimo y'Urwego rw'Umuvunyi, Umuvunyi Mukuru n'abavunyi bungirije bafatanyije n'abakozi bake bari bahari mu gutegura inyandiko igaragaza imiterere y'imirimo n'umubare w'abakozi bakenewe (cadre organique) hakurikijwe umushinga w'ivugurura ry'imiterere y'imirimo ya Leta.

Ibindi bikorwa by'ingenzi byagezweho ni ugushaka no gushyira abakozi mu myanya, no kongerera abakozi ubushobozi.

II.1.3.1 Gushaka no gushyira abakozi mu myanya

Hakurikijwe inyandiko igaragaza imiterere y'imirimo n'abakozi bakenewe, Urwego rw'Umuvunyi rwagenewe abakozi mirongo itanu n'umwe (51) ariko kugeza ubu abari mu myanya ni mirongo ine na batandatu (46). Uretse abakozi bamwe batangiranye n'Urwego rw'Umuvunyi nk'uko byavuzwe haruguru, abandi bakozi bagiye bashyirwa mu myanya mu mashami ane agize Urwego hashingiwe ku ipiganwa.

II.1.3.2 Kongerera ubushobozi abakozi

Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bongerewe ubushobozi binyujijwe mu mahugurwa yari agamije kumenya inshingano , ububasha n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi kuva ku wa 17/05 kugeza ku wa 21/05/2004.

Ku buryo bwihariye, abanyamabanga bo mu bunyamabanga rusange bishyuriwe amasomo mu Ishuri Rikuru Nderabarezi rya Kigali (KIE).

II.1.4 Serivisi y'Ikoranabuhanga (ICT)

Ibyakozwe mu rwego rw'Ikoranabuhanga (ICT) bikubiye mu ngingo eshatu :

- Kugeza mu gihembwe cya kabiri hari hamaze guhangwa “Base de Données” z'amashami abiri , ishami ryo gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ryakira ibibazo by'abaturage , n'ishami ry'imenyekanishamutungo, hakurikiranwa n'uko izo base de données zikoreshwa ;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano yo gusana za mudasobwa, ibyuma bifotora inyandiko n'iby'itumanaho ari hagati y'Urwego n'ibigo byatsindiye iyo mirimo ;
- Gufasha abakozi gukoresha za mudasobwa no gukemura ibibazo bitandukanye ziba zifite .

II.1.5 Serivisi ishinzwe ibikoresho

Imirimo yakozwe irebana no gucunga ibikoresho by'Urwego. Mu bikoresho Urwego rw'Umuvunyi rufite, harimo ibyo rweguriwe na Minisiteri y'Ibikorwa remezo byahoze ari ibya Komisiyo yo gutegura Itegeko Nshinga n'ivugurura ry'andi mategeko yari icyuye igihe hiyongereyeho ibyagiye bigurwa nyuma.

II.1.6 . Serivisi y'isomero

Serivisi y'isomero yakoze umurimo wo gushakira abakozi ibitabo, ibinyamakuru n'izindi nyandiko byo kubahugura no kubafasha mu mirimo bashinzwe. Muri ibyo bitabo hari ibyaguzwe n'Urwego n'ibindi rwahaweho impano. Iyo serivisi ishinzwe no gutunganya ibitabo, gushaka amakuru n'inyigisho kuri Internet no gutiza ibitabo n'ibinyamakuru abakozi b'Urwego n'abandi.

II.1.7. Serivisi y'imikoranire rusange n'itumanaho

Urwego rw' Umuvunyi rubinyujije muri serivisi yarwo ishinzwe Imikoranire rusange n'Itumanaho rwakoranye n' itangazamakuru rya Leta n'iryigenga hagamijwe kumenyesha abanyarwanda n' abanyamahanga ibikorwa byarwo no kubakangurira kugira uruhare mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n' ibyaha bifitanye isano na yo. Iyi serivisi yakoranye n' itangazamakuru risakaza amajwi, irikoresha amashusho ndetse n' iryandika.

Urwego rw'Umuvunyi rukorana na serivisi ya Radiyo na Televiziyo by'Igihugu mu gutangariza abanyarwanda ibyemezo n'imyanzuro bivuye mu nama z'Abavunyi no mu biganiro by' Urwego rw'Umuvunyi n' abaturage. Radiyo na Televiziyo by' u Rwanda byatumiwe mu nama nyunguranabitekerezo zinyuranye :

- Ibiganiro mbwirwaruhame bibiri by'Urwego rw'Umuvunyi byabereye mu cyumba cya TELECOM HOUSE hagamijwe gusobanurira abaturarwanda ibyavuye mu mirimo Abavunyi n'abakozi b'Urwego babaga bamaze igihe

bakorera mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali;

- Ku bufatanye n'izindi nzego bireba, Urwego rw' Umuvunyi rwatangije icyumweru cyo kurwanya ruswa ku wa 12/12/2004 muri Hotel Novotel UMUBANO ;
- Ikiganiro cyahuje Urwego rw' Umuvunyi n' ubuyobozi bw' Umujyi wa Kigali hagamijwe kwigira hamwe uburyo bwo kunoza imikoranire y'izo nzego zombi.

Mu rwego rwo gukangurira Abanyarwanda n' abanyamahanga gufata iya mbere mu gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo , Urwego rw' Umuvunyi rufite ikiganiro cy' iminota 30 gihoraho, gihita kuri Radiyo Rwanda kiba buri wa gatatu w' icyumweru kuva saa cyenda n'iminota itanu (15h00) kugeza saa cyenda n' iminota mirongo itatu n' itanu (15h35).

Usibye gukoresha Radiyo na Tereviziyo, Urwego rw'Umuvunyi rwatangaje inyandiko eshatu mu kinyamakuru IMVAHO NSHYA :

- **"Urwego rw' Umuvunyi ni ijisho rya rubanda"**
IMVAHO NSHYA No 1539 , 8-13 Werurwe 2004;
- **"Urwego rw' Umuvunyi ni inkingi ikomeye y' uburenganzira bw' umuturage"**
IMVAHO NSHYA No 1552, 7-13 Kanama 2004;
- **" Kurwanya ruswa bigomba kuba inshingano ya buri munyarwanda"**
IMVAHO NSHYA No 1554, 20-27 Kamena 2004;

Rwakoranye kandi n'ibindi binyamakuru mu gutanga ibitekerezo bishyirwa mu nyandiko za byo.

II.2 ISHAMI RISHINZWE IMENYEKANISHAMUTUNGO.

II.2.1 Ibikorwa by'Ishami

Nk'uko inyito yaryo ibivuga, iri shami ryakira rikanasuzuma imenyekanishamutungo w'Abayobozi b'Igihugu mu nzego zose, ab'Ibigo bya Leta n'abacungamutungo wa Leta hagamijwe gukumira no kurwanya ruswa mu butegetsi bwite bwa Leta, mu bigo bya Leta n'ibigo Leta ifitemo imigabane.

Ishami rishinzwe imenyekanishamutungo ryakoze ibikorwa bitatu by'ingenzi nk'uko byari biteganijwe muri gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi 2004-2005. Ibyo bikorwa ni :

- **Gutegura inyandiko igaragaza umutungo.**
- **Kwakira inyandiko igaragaza umutungo.**
- **Gusuzuma inyandiko igaragaza umutungo**

II.2.1.1 Gutegura inyandiko igaragaza umutungo

Kuva muri Mutarama kugeza muri Werurwe 2004, ishami rishinzwe imenyekanishamutungo ryateguye agatabo gakubiyemo ibibazo binyuranye byagenderwaho mu kugaragaza imitungo y'abayobozi n'abacungamutungo wa Leta bavugwa mu Itegeko. Iby'ingenzi bikubiye muri ako gatabo ni ibi bikurikira:

1. Umwirondoro w'ugaragaza umutungo;
2. Irangamimerere , uwo bashakanye n'uburyo bacunga umutungo wabo;
3. Imitungo ifatika n'idafatika n'inkomoko yayo;
4. Imitungo bwite y'uwo bashakanye mu gihe batavanze umutungo, iy'abana babo cyangwa iy'abo barera batarageza ku

myaka cumi n'umunani.

II.2.1.2. Kwakira inyandiko igaragaza umutungo.

Kuva muri Werurwe kugeza muri Kamena 2004, iryo shami ryakiriye rinabika inyandiko zigaragaza umutungo w'abayobozi b'Igihugu banyuranye n'abacungamutungo bo mu bigo bya Leta no mu bigo Leta ifitemo imigabane. Ibikubiye muri izo nyandiko byashyizwe muri base de données y'iryo shami hifashishijwe mudasobwa.

Ku nyandiko z'imenyekanishamutungo ibihumbi bitatu magana abiri na mirongo itandatu na zirindwi (3267) zatanzwe mu nzego zinyuranye, izagarutse ku Rwego rw'Umuvunyi ni 2770 zingana na mirongo inani na kane ku ijana (84%).

Nk'uko bigaragara hari abantu batitabiriye icyo gikorwa cy'imenyekanishamutungo, akaba ari yo mpamvu Urwego rw'Umuvunyi rwabasabye ibisobanuro .

Ibisobanuro by'ingenzi byatanzwe ni ibi bikurikira :

- Mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (R.R.A.) Urwego rwasanze abakozi bamwe baravuye ku mirimo, abandi barirukanwe
- Muri Minisiteri y'Ingabo, bamwe bagiye kwiga hanze y'Igihugu abandi bari mu mirimo inyuranye hirya no hino mu gihugu ituma batabonekera igihe.
- Kuri za Ambassade, inyandiko igaragaza umutungo wabo inyuzwa kuri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga igatinda kubageraho no kugarukira Urwego rw'Umuvunyi.
- Kubera impamvu z'ivugurura ry'inzego z'ubutabera, abacamanza n'abashinjacyaha batinze kugeza inyandiko z'imenyekanishamutungo ku Rwego rw'Umuvunyi.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana inyandiko zatanzwe, izagarutse, izitaragarutse n'impamvu zitagarutse.

I. Abayobozi bakuru, Abasenateri, Abadepite, Abaminisitiri, Abashinjacyaha bakuru, Abacamanza mu Rukiko rw’Ikirenga

N°	Abo ari bo	Abahawe	Ababi- zanye	Abatara- bizana	Impamvu
1	Abayobozi bakuru (Perezida wa Repuburika, Perezida wa Sena, Perezida w’Umutwe w’Abadepite, Minisitiri w’Intebe na Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga)	5	5	-	-
2.	Abasenateri	20	19	1	Yabihawe nyuma
3.	Abadepite	82	82	-	-
4.	Abaminisitiri	28	28	-	-
5.	Abashinjacyaha Bakuru	2	2	-	-
6.	Abacamanza mu Rukiko rw’Ikirenga	13	13	-	-

N.B : Abasenateri n’Abadepite bagiye mu myanya nyuma na bo bahawe Inyandiko y’imenyekanishamutungo iyo aho bakoraga babaga batarazihawe.

2. Abayobozi n’Abacungamutungo

Mu Nteko Ishinga Amategeko

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizana	Impamvu
1.	Sena	4	2	2	Ntayo
2.	Umutwe w'Abadepite	6	5	1	Yagiye kwiga

Mu Rukiko rw'Ikirenga

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizana	Impamvu
1	Urukiko rw'Ikirenga	1	1	-	-

Muri Perezidansi na Minisiteri

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizana	Impamvu
1.	Perezidansi	22	21	1	Ntayo
2.	Primature	23	23	-	-
3.	Minisiteri y'Umutekano na Polisi y'Igihugu	62	61	1	Ntayo
4.	Minisiteri y'Uburezi	18	18	-	-
5.	Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango	6	6	-	-
6.	Minisiteri y'Abakozi ba Leta	17	17	-	-
7.	Minisiteri y'Urubyiruko	8	7	1	Yarahavuye
8.	Minisiteri y'Imari	53	49	4	Ntayo
9.	Minisiteri y'Ubutaka	53	50	3	Ntayo

10	Minisiteri y'Ubucuruzi	8	8	-	-
11	Minisiteri y'ibikorwa remezo	16	15	1	Ntayo
12	Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga	10	9	1	Ntayo
13	Minisiteri y'Ubutabera	2	2	-	-
14	Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi	9	8	1	Ntayo
15	Minisiteri y'Ubutegetsu bw'Igihugu	4	4	-	-
16	Minisiteri y'Ubuzima	37	34	3	Ntayo
17	Minisiteri y'Ingabo	177	126	51	Bamwe bagiye kwiga, abandi bari mu mirimo inyuranye hirya no hino mu Gihugu.

Mu bigo bya Leta n'ibyo Leta ifitemo imigabane

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizana	Impamvu
1	RIPA	8	8	-	-
2	S.F.B Mburabuturo	5	5	-	-
3	Komisiyo y'Amatora	21	20	1	Ntayo
4	Ubugenzuzi bw'Imari ya Leta	80	79	1	Yagiye kwiga

5	A.R.R	5	2	3	Ntayo
6	RAMA	17	17	-	-
7	CAMERWA	5	5	-	-
8	C.H.R	5	5	-	-
9	I.R.S.T	12	11	1	Ntakihakora
10	C.N.J	4	4	-	-
11	ONATRACOM	7	6	1	Ntayo
12	C.H.U/C.H.K	3	3	-	-
13	OMBUDSMAN*	6	3	3	-
14	OCIR CAFE	7	7	-	-
15	OCIR THE	26	23	3	Ntayo
16	FARG	16	15	1	Ntayo
17	S.N.S - Rubirizi	3	3	-	-
18	Ikigo gitanga amasoko ya Leta	5	5	-	-
19	SONARWA	5	5	-	-
20	Privatisation	4	4	-	-
21	KIST	5	5	-	-
22	K.H.I	5	5	-	-
23	C.N.E	6	6	-	-
24	O.R.T.P.N	11	10	1	Ntayo
25	Normalisation	6	5	1	Ntayo
26	C.N - Rubirizi	2	2	-	-
27	P.N.T.S	6	6	-	-
28	U.N.R	15	13	2	Ntayo
29	C.H.U. - Butare	7	7	-	-
30	Inzu ndangamurage	8	8	-	-
31	TRAC	2	-	2	Ntayo
32	K.I.E	6	5	1	Ntayo
33	ISAE Busogo	6	6	-	-

34	S.N.R Remera	5	5	-	-
----	--------------	---	---	---	---

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizana	Impamvu
35	Régie des aéroports	5	5	-	-
36	CEPEX	5	4	1	Ntayo
37	MAGERWA	10	9	1	Ntayo
38	ORINFOR	9	9	-	-
39	Inama Nkuru y'Itangazamakuru	1	1	-	-
40	Croix Rouge	20	18	2	Ntayo
41	SNIA	23	21	2	Ntayo
42	Imprisco	23	23	-	-
43	CARAES NDERA	2	2	-	-
44	Amagereza	54	54	-	-
45	F.P.P	3	3	-	-
46	O.N.P	12	9	3	1 yareguye 2 Ntayo
47	R.D.R.C	20	16	4	Ntayo
48	Electrogaz	91	89	2	Ntayo
49	BRALIRWA	6	3	3	Ntayo
50	R.R.A	414	344	70	30 barahavuye 1 yagiye kwiga 39 ntayo
51	Rwandatel	20	17	3	1 yagiye kwiga 2 Ntayo
52	ONAPO	11	11	-	-

53	N.U.R.C	4	4	-	-
54	C.N.D.P	5	5	-	-
55	C.S.R	40	40	-	-
56	BCR	17	17	-	-
57	BNR	13	13	-	-

N°	Aho bakorera	Abahawe	Ababizanye	Abatarabizana	Impamvu
58	B.R.D	10	9	1	Ntayo
59	U.B.P	8	8	-	-
60	B.K	15	15	-	-
61	F.G.A	2	1	1	Ntayo
62	CIMERWA	2	2	-	-
63	C.D.F	3	3	-	-
64	C.N.F.D.J	4	4	-	-
65	LABOPHAR	7	7	-	-
66	ISAR	36	36	-	-
67	T.I.G	3	3	-	-
68	CAPMER	7	7	-	-
69	C.N.L.S	5	4	1	Ntayo
70	GLIA	2	2	-	-
71	Ambasade	42	32	10	Bitinda kubageraho
72	Ubucamanza n'Ubushinjacyaha	223	142	81	Babonye inyandiko vuba baracyabizana

73	Ubushinjacyaha	249	138	111	Babonye inyandiko vuba baracyabizana
74	Intara n'Umujyi wa Kigali.	14 51	13 46	1 5	Ntayo Ntayo
75	Uturere n'Imijyi	320	255	65	Ntayo
76	Ibigo by'Amashuri	437	414	23	Ntayo
<i>Bose hamwe</i>		<i>3267</i>	<i>2770</i>	<i>497</i>	<i>84%</i>

* Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi bungirije ntibaratanga inyandiko z'imenyekanishamutungo kuko itegeko ritaravugururwa ngo ryemeze Urwego bazazishyikiriza.

II.2.1.3 Gusuzuma inyandiko z'imenyekanishamutungo.

Nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi 2004-2005, muri Nyakanga 2004 hafunguwe inyandiko z'imenyekanishamutungo zagejejwe ku Rwego rw'Umuvunyi. Kuva muri Kanama 2004 hakozwe igikorwa cyo gusuzuma ukuri kw'izo nyandiko, abakozi b'iryo shami bajya kureba hirya no hino mu gihugu aho iyo mitungo iri. icyo gikorwa kiracyakomeza.

Muri rusange ibyibanzweho mu isuzuma ni ibi bikurikira :

1. Amazu yo guturamo, ay'ubucuruzi n'ay'inganda.
2. Imirima irimo ibintu by'agaciro (nk'ubuhinzi bwa kijyambere)
3. Amatungo
4. Amamodoka
5. Amafaranga ari mu mabanki
6. Imigabane mu masosiyete.

Hagenzuwe aba bakurikira :

1. Abayobozi bakuru b'Igihugu
2. Abagize Guverinoma bose ;
3. Abasenateri n'Abadepite bose ;
4. Abofisiye Jenerali n'Abofisiye Bakuru b'Ingabo z'Igihugu cumi n'umunani (18) ;
5. Abakuru b'Intara bose n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali ;
6. Abayobozi b'Uturenere n'Imijyi bose ;
7. Abo mu bigo bya Leta bikurikira :
 - Abakomiseri bose, abakuru b'amashami, abagenzuzi n'ababarura-mari muri Gasutamo no mu Mahoro mirongo itatu na babiri (32) bo mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro (RRA);
 - Umuyobozi w'Ikigo, ushinzwe gucunga umutungo, utanga amasoko, ukuriye Ishami rishinzwe cyamunara, mu kigo gishinzwe gutanga amasoko ya Leta (National Tender Board)
 - Umuyobozi w'Ikigo, umuyobozi w'imari , umubaruramari, mu Kigo cy'Itumanaho (Rwandatel)
8. Minisiteri
 - Umuyobozi w'Ubutegetsi n'Imari wa CNLS, Umuyobozi wa MAP, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLS
 - Umunyamabanga Mukuru, Umuyobozi w'Ingengo y'Imari, Umuyobozi wa CEPEX, O.T muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi.

Twakwibutsa ko hagenzurwa ibiri mu Rwanda no mu Mahanga ariko kugeza ubu hakaba haragenzuwe ibiri mu Rwanda gusa , kuko Urwego rw'Umuvunyi rutaranoza neza uburyo bwo kugenzura ibiri mu mahanga.

Muri rusange igikorwa cyo gusuzuma imenyekanishamutungo cyagenze neza kuko ibyasuwe byari bihuye n'ibyanditse mu gatabo kashyikirijwe Urwego ariko ku mitungo imwe n'imwe usanga agaciro kari hejuru cyangwa hasi.

II.3 ISHAMI RISHINZWE GUKUMIRA AKARENGANE, RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO

Imirimo y'ishami rishinzwe gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo yakozwe mu mwaka wa 2004, irebana muri rusange no kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane, n'amahugurwa yakorewe inzego z'ibanze.

II.3.1 Ibibazo by'akarengane byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi

Ku bijyanye n'uburyo ibibazo by'abaturage byakiriwe, hari ibibazo byakiriwe ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi, mu buryo bw'inyandiko cyangwa se basobanura ibibazo byabo mu magambo, hakaba n'ibindi byakiriwe mu ngendo zinyuranye mu Ntara zose z'Igihugu n'Umujyi wa Kigali.

Uturere twose n'Imijyi bigize Intara zose z'Igihugu n'Umujyi wa Kigali byarasuwe. Uretse ko hatabura umwihariko ushingiyeye ku miterere y'Akarere cyangwa Umujyi runaka, icyagaragaye ni uko ibibazo byinshi bihuriweho.

II.3.1.1 Ibibazo rusange

Imiterere y'ibibazo muri rusange Uturere n'Imijyi by'u Rwanda bihuriraho byashyirwa mu byiciro bine by'ingenzi :

- Ibibazo by'amasambu n'imiturire;
- Ibibazo by'imanza;
- Ibibazo by'umurimo;
- Ibibazo by'ibirarane by'imishahara y'abakozi ba Leta.

1. Ibibazo by'amasambu n'imiturire

Ibibazo by'amasambu na byo ubwabyo bishobora gushyirwa mu byiciro bitatu binyuranye:

a. *Ibibazo by'amasambu bijyanye n'izungura n'ubuharike*

Mu muco nyarwanda, abagabo bari bamenyereye gushaka abagore benshi, cyane cyane mu bice by'amajyaruguru y'Igihugu. No muri iki gihe ubuharike butemewe, haracyari ibisigisigi by'uwo muco ari na byo bikurura ibibazo bikomeye bijyanye n'igabana ry'amasambu mu miryango. Abana b'amahari n'abakeba bagahurira ku masambu adahagije bagomba kugabana, bityo hakavuka amakimbirane mu muryango cyane cyane nyuma y'urupfu rw'umugabo cyangwa uwari umutware w'umuryango.

Urwego rw'Umuvunyi rwashishikarije abaturage n'abayobozi kubahiriza ihame ry'Itegeko Nshinga rivuga ko ***“ubushyingiranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe ari bwo bwemewe”***(ingingo ya 26), no kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko n°22/99 rigenga icungamutungo ry'umutungo w'umuryango, impano n'izungura.

b. *Ibibazo by'amasambu yubatswemo imidugudu cyangwa ibikorwa by'inyungu rusange z'abaturage, ba nyirayo batahawe ingurane cyangwa ngo bishyurwe agaciro k'ibikorwa byabo byabaruwe.*

Ibi bibazo bishingiye ku igenamigambi ry'ibikorwa riba ritashyizwe mu bikorwa nk'uko bikwiye, bigatuma abaturage bahora basiragira mu nzego zinyuranye bishyuzwa ibyo bagombye kuba barishyurwe mbere yo kubavana mu byabo ndetse bakanerekwa aho bajya nk'uko amategeko abiteganywa.

Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ko aho ibyo bibazo biri, ubuyobozi bwakwihutira kubikemura cyangwa bugafasha abaturage mu gukurikirana indishyi mu nzego zibishinzwe.

c. Ibibazo by'amasambu bijyanye n'isaranganya hagati y'abanyarwanda bahunze mu mwaka wa 1959 n'abari basanzwe mu Rwanda mbere y'umwaka wa 1994.

Nk'uko politiki y'Igihugu yo gutuza abanyarwanda iteye, gusaranganya amasambu byabaye ihame, ariko amabwiriza abigenga ntiyagiye aba amwe ku buryo iryo saranganya ritashyizwe mu bikorwa ku buryo bumwe mu gihugu hose.

Aho iyo politiki yabashije gushyirwa mu bikorwa neza, abaturage baturana mu mahoro n'abo bagabanye amasambu, bigashimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Kuri bamwe batishimiye iryo saranganya, hari abagiye bagana inkiko zigafata imyanzuro ibasubiza amasambu yabo. Hamwe na hamwe gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inkiko byagiye bitera amakimbirane n'ibibazo bikomeye kuko abashinzwe kurangiza imanza wasangaga akenshi ari abayobozi ku buryo babikoze baba batandukiriye iyo politiki ubwabo bishyiriye mu bikorwa , bagasanga byaba ari ukwivuguruza kw'abayobozi mu gikorwa kimwe.

Hari n'abandi bajya mu nzego z'ubuyobozi basaba gusubizwa amasambu yabo kuko baba bumva ko bayambuwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyane cyane bitwaje ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ivuga ko ***“Buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo afatanyije n'abandi.Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa”***.

Ibyo bibazo usanga bizunguruka mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi. Urwego rw'Umuvunyi rwasobanuriye abaturage imiterere y'ikibazo cyo gutuza abanyarwanda benshi batahutse, amavu n'amavuko ya gahunda y'isaranganya, maze rushishikariza abaturage n'abayobozi gushimangira politiki y'isaranganya mu rwego rwo kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, no gukemura ikibazo cy'imiturire.

2. **Ibibazo by'imanza**

Ibibazo by'imanza na byo biri mu byiciro bitatu:

a. Imanza zimaze igihe kirekire mu nkiko :

Ni Imanza zitaburanishwa ngo zirangire, ibyo bigatuma urengana atarenganurirwa igihe. Urwego rw'Umuvunyi rurizera ko icyo kibazo kizarangizwa n'ivugururwa ry'inkiko kubera ko itegeko rishya rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko rigena igihe ntarengwa imanza zigomba kuba zaburanishijwe ndetse zanarangijwe.

b. Imanza zaciwe burundu ntizirangizwe

Muri iki cyiciro hari imanza zitarangizwa n'inzeho z'ibanze ngo hashyirwe mu bikorwa imyanzuro y'inkiko kandi zarabihereye ububasha. Urwego rw'Umuvunyi rwashishikariye za Komisiyo zo kurwanya akarengane zashyizweho mu Ntara, Umujyi wa Kigali, mu Turere no mu Mijyi ko zafasha mu gushishikariza abayobozi babifitiye ububasha kurangiza umubare munini w'izo manza.

Muri urwo rwego, hari imanza nyinshi zagiye zirangizwa ari uko Urwego rw'Umuvunyi rusabye ababishinzwe kuzirangiza. Hari n'imanza zidashobora kurangizwa nk'uko zaciwe kuko icyaburanywe kiba kitakiriho, bityo irangizarubanza rigakorwa igice cyangwa ntirinashoboke. Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama y'uko izo manza zakorerwa raporo nyiri ikibazo akayishyikiriza urukiko kugira ngo rufate umwanzuro.

c. Imanza zaciwe nabi biturutse ku bumenyi buke bw'abacamanza, guca imanza nabi nkana cyangwa ku mpamvu za ruswa.

Itegeko rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi mu ngingo ya 14 ntiryemerera Urwego kwivanga mu mikorere y'inkiko no mu miburanishirize y'imanza .

Kubera izo mpamvu, Urwego rw'Umuvunyi rwasobanuriye abaturage ko rudashobora guhindura imikirize y'imanza. Urwego rwabakanguriye kwegera ubuyobozi bw'inkiko zavuguruwe bagakurikiranayo imanza zabo.

Urwego rw'Umuvunyi rwifuje ko rwakongererwa ububasha mu gusaba Ubuyobozi bukuru bw'Ubucamanza ko imanza zaciwe nabi kandi rubifitiye ibimenyetso zasubirishwamo.

Urwego rwanenze aho abaturage ari bo bahaga abacamanza n'abahesha b'inkiko uburyo bwo kugera aho ikiburanwa kiri kuko usanga birenganya umuturage usabwa guha inzego za Leta ubushobozi bwo kurangiza imirimo zishinzwe kandi amikoro ye na we adahagije, rimwe na rimwe ugasanga hari n'abaturage badafite ubwo bushobozi maze imanza zabo zigahera aho.

3. Ibibazo by'umurimo

Mu bibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye harimo n'ibijyanye n'umurimo aho usanga abakozi baba aba Leta, ab'ibigo bya Leta, ab'ibigo byigenga n'ab'imiryango itegamiye kuri Leta bagaragaza akarengane ko kwirukanwa nta mpamvu ifatika kandi ntibahabwe ibyo amategeko abateganyiriza.

Kuri icyo kibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwagerageje guhuza abakozi n'abakoresha babo, kuri bamwe ibibazo bigakemuka, ku bo bidakemutse bakagirwa inama yo kuregera inkiko.

Urwego rw'Umuvunyi rurasanga Abagenzuzi b'Umurimo bakwiye kongererwa ububasha n'ubushobozi bwo guhatira abakoresha kubahiriza ibiteganywa n'itegeko ry'umurimo baba bemeye igihe cyo kubahuza n'abakozi, bityo bikarinda abakozi guhora basiragira mu nkiko.

4. Ibibazo by'ibirarane by'imishahara y'abakozi ba Leta

Ibibazo by'ibirarane biri mu ngeri nyinshi z'abakozi ba Leta ariko cyane cyane mu barimu

. Ibyo birarane biri mu byiciro bikurikira:

- Abarimu basezerewe ku murimo : iki cyiciro gifite ibibazo bikomeye kuko byumvikana nk'akarengane mu rwego rw'amategeko gusezerera umuntu utamuhaye ibyo amategeko ateganya, amafaranga y'ishimwe, ikiruhuko gihemberwa, integuza, n'ibyo umuntu agenerwa avuye ku kazi;
- Abarimu bakiri mu kazi : na bo ibirarane byabo ni byinshi kandi bahembwa umushahara udahuje n'igihe bamaze ku kazi , ibyo bikaba bishobora kugira ingaruka zitari nziza ku musaruro wabo.
- Abahoze ari abakozi b'amakomini batakiri mu kazi n'abandi bakomeje kuba ab'Uturere n'Imijyi ariko ntibishyurwe ibirarane.

Muri rusange, ibibazo by'ibirarane ni byinshi kandi biremereye ingengo y'imari y'Igihugu. Urwego rw'Umvunyi rurasaba ko hanozwa gahunda yo kubyishyura, abo Leta ibifitiye bakamenyeshwa igihe bizakorera hakurikijwe amikoro y'Igihugu. Na none mu kuriha ibyo birarane haherwa ku basezerewe kuko baba batanafite indi mibereho aho guhera ku bakiri ku kazi nk'uko byagiye bikorwa hamwe na hamwe.

II.3.1.2 . Ibibazo by'umwihariko mu Turere cyangwa Imijyi

1. *Ibibazo bijyanye n'Abarundi batujwe mu Rwanda*

Mu bihe bitandukanye hari abarundi batujwe mu Rwanda ku mpamvu zinyuranye : abaje bahunze, abashakanye n'abanyarwandakazi n'abaje gushaka imibereho. Mu gihe cya jenocide ya 1994 barahunze, nyuma baza kugaruka basaba gusubizwa mu masambu bari batuyemo no guhabwa indi mitungo inyuranye bari barasize (amazu, amashyamba, intoki...). Ahenshi basanze iyo mitungo yarafashwe n'abandi bantu bagiye bahunguka cyangwa se baranayitujwemo n'ubuyobozi. icyo kibazo cyabereye ubuyobozi ingorabahizi cyane cyane ko hari n'abahafite igisekuru kirekire ariko bakaba batarigeze bahabwa ubwenegihugu nyarwanda.

Iki kibazo cyagaragaye cyane cyane mu turere turi ku mupaka w'u Rwanda n'u Burundi nka Nyamure, Gikonko, Mugombwa mu Ntara ya Butare, Ngenda, Gashora mu Ntara ya Kigali Ngali ndetse na Muvumba yo mu Ntara y'Umutara. Mu kugikemura hitabajwe urwego rw'ububanyi n'amahanga, inama ihuriweho n'abahagarariye u Rwanda n'u Burundi ifata umwanzuro w'uko umurundi uzajya ashaka gusubizwa umutungo we yajya anyura muri Ambassade y'u Burundi mu Rwanda agahabwa icyemezo kimuha uburenganzira bwo gusaba uwo mutungo.

Ariko na none gushyira mu bikorwa uwo mwanzuro byateye ingorane kuko hatagaragazwa umutungo agomba gusubizwa, kandi icyo benshi basaba ari amasambu bari batuyemo, mu gihe kandi bizwi ko ubutaka ari ubwa Leta.

Ibyo byatumye nk'ubuyobozi bw'Intara ya Butare bwandikira Minisitiri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage buyisaba amabwiriza asobanutse yo gukemura icyo kibazo.

Indi nyandiko yerekeye icyo kibazo ni icyemezo cy'uwari Wungirije Minisitiri w'Intebe akaba na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu (Col.Kanyarengwe) cyemera ko abo Barundi basubizwa ibyabo uretse ubutaka kuko ari ubwa Leta.

Urwego rw'Umuvunyi rurasanga byaba byiza ko Inama ya Guverinoma ishyiraho amabwiriza y'uko icyo kibazo cyakemurwa kimwe hose mu Turere bireba kugira ngo abo barundi bave mu gihirahiro, kimwe n'inzego z'ubuyobozi ku bijyanye n'imikoreshereze y'ubwo butaka.

2. *Ubuyobozi budakemura ibibazo by'abaturage*

Mu Turere n'imijyi, hari abayobozi batarangiza ibibazo by'abaturage kandi biri mu nshingano zabo. Ibyo byagaragariye mu mubare munini w'abaturage bafite ibibazo byakagombye kuba byarakemutse, ubuyobozi bubizi ariko ntibubikurikirane ngo hafatwe umwanzuro. Biterwa ahanini n'ubuyobozi budaha umwanya ukwiriye ibibazo by'abaturage

bashinzwe kuyobora ndetse no kuba abayobozi benshi babangikanya imirimo bashinzwe n'indi mirimo bakora mu nyungu zabo bwite.

Mu gihe rwasuraga Uturere n'Imijyi, Urwego rw'Umuvunyi rwafatanyije n'ubuyobozi gushakira ibibazo bimwe na bimwe umwanzuro, ibindi rusaba ubuyobozi kubikurikirana bakarugezaho raporo y'uko byakemuwe.

1. Ibibazo by'ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo

Mu mateka y'umuryango nyarwanda, abagore babayeho batagira umutungo bwite, nyuma y'iterambere ry'imyumvire ko abagore na bo bafite uburenganzira bwo kugira imitungo no gufasha abagabo babo mu gutunga urugo, ubu hari abagore bafite imitungo bwite kandi bigengaho. Ibyo bituma hari abagore bamwe na bamwe bumva nabi gahunda y'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi "gender" bakitwara nabi mu ngo no ku bagabo babo. Mu bibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye, hari abagabo bagaragaje akarengane baterwa n'abagore babo babafata nabi mu rugo ndetse bamwe bakameneshwa kubera ko abagore babarusha kwinjiza umutungo.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko hafatwa ingamba zo kwigisha uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo kugira ngo habe imyumvire ikwiye mu micungire y'urugo.

4. Ibibazo by'ibishanga, inkuka za Nyabarongo n'inzuri

Ibyo bibazo biri cyane cyane mu turere twa Bugarama (Cyangugu), Gabiro, Rukara, Murambi (Umutara), Kayove, Gasiza (Gisenyi), na Shyorongi (Kigali Ngali).

Ku bijyanye n'ibishanga, ikibazo cyagaragaye mu Karere ka Bugarama mu gishanga gihingwamo umuceri aho itangwa ry'ibitanda (parcelles) ryagiye rikorwa mu buryo butanyuze mu mucyo, abaturage bamwe bakagaragaza ko bambuwe uburenganzira bwo kubihabwa kandi ari bo bari bahafite ubutaka Leta itarahabakura, nyamara bigahabwa abifite rimwe na rimwe banaturutse kure nk'i Kigali. Abandi bagaragaje ko mu kuhabakura

Leta itigeze ibaha ingurane.

Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ubuyobozi bw'Akarere n'ubuyobozi bw'uruganda rw'umuceri gusuzuma icyo kibazo hakagaragazwa abakuwe mu gishanga bahawe ingurane, abatarayihawe, n'icyashingirwagaho mu gutanga ibyo bitanda kugira ngo Urwego rusuzume niba hari abambuwe uburenganzira bwabo.

Ikibazo nk'icyo kiboneka na none mu nkuka za Nyabarongo aho mu mwaka wa 1994 abari basanzwe bakoresha icyo gishanga mu guhinga ibisheke bahunze, ubuyobozi bukahagabanya abandi bavuga ko ari amashyirahamwe agiye gukorera. Nyuma y'itahuka, abari basanzwe bahakoresha basabye kuhasubizwa ntibyashoboka kuko hari harashyizwemo abandi hakurikijwe ihame ko ibishanga ari ibya Leta. Twakwibutsa ko inkuka za Nyabarongo muri ako gace zahawe uruganda rw'isukari rwa Kabuye ariko abaturage akaba ari bo bahahinga ibisheke bakagurirwa n'uruganda. Mu bisobanuro ubuyobozi butanga ni uko ari amashyirahamwe agomba kuhakorera kugira ngo hagirire akamaro abaturage benshi, ariko abaturage bakemeza ko hari abantu ku giti cyabo bafitemo imirima.

Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ubuyobozi ko bwakora raporo kuri icyo kibazo bugaragaza umubare w'amashyirahamwe n'abayagize bakorerwa muri icyo gishanga kugira ngo hasuzumwe akarengane kaba gakorerwa abahahingaga mbere, hakarebwa kandi niba abo bahahinga ku giti cyabo batabifitiye uburenganzira.

Ku bijyanye n'inzuri, hamwe zagiye zitangwa nabi nko mu Karere ka Gabiro aho ubuyobozi bwatanze inzuri nyuma bukivuguruza bukazambura abo bwari bwazihaye bukanabambura n'ibyangombwa bwari bwabahereyeho (cyane cyane nko mu murenge wa Mucucu), bubabwira ko bugiye kubisubiramo, bunabaka amafaranga yo gupima no gutunganya izo nzuri. Nyuma yo kuzitunganya abazambuwe ntibongeye kuzisubizwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ko abafite icyo kibazo babarurwa hakagaragazwa n'amafaranga yatanzwe kuri iyo mirimo, Inama Njyanama y'Akarere igaterana ikiga

uburyo iryo tangwa ry'inzuri ryasubirwamo kandi abambuwe amafaranga bakayasubizwa. Ubuyobozi bwabwewe gukora raporo izashyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo ruyisuzume. Ku buryo bw'umwihariko, mu Karere ka Murambi, abahawe inzuri ntibashaka kwishyura ibikorwa byabaruwe n'inzego zibishinzwe zo ku Ntara y'Umutara bitwaje ko iryo barura ryakozwe badahari.

Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ubuyobozi ko bwabwewe abahawe inzuri bagakoresha irindi barura abari basanzwe mu masambu yatanzwemo inzuri bahari byananirana Ubuyobozi bugakoresha ububasha bufite mu kubahatira kwishyura ibyabaruwe.

Mu Turere twa Kayove na Gasiza (Gisenyi), ikibazo gihari ni uko abari bafite inzuri muri Gishwati bazambuwe nyuma y'umwaka wa 1994 bamaze guhunga zihabwa abandi.

Urwego rw'Umuvunyi rwashyigikiye umwanzuro ubuyobozi bwafatiye icyo kibazo wo gutanga bundi bushya inzuri muri Gishwati.

Ku kibazo cy'abantu bari batuye cyangwa bakoresha ibirwa biri mu kiyaga cya Kivu mu Karere ka Rutsiro nyuma ibyo birwa bigahabwa abandi, Urwego rw'Umuvunyi rwiyeje gukurikirana itangwa ry'ibyo birwa muri Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi rukazamenyesha abo bireba umwanzuro wagezweho.

5. *Ikibazo cy'ubwone*

Ubwone buvugwa muri iki gice buri mu byiciro bibiri, uburebana n'amatungo n'uburebana n'inyamaswa zo muri pariki.

Mu Karere ka Mirenge n'aka Cyarubare mu Ntara ya Kibungo hari ikibazo cy'abantu bishoboye boneshereza abaturage kandi ubuyobozi bwabimenya ntibubafatire ibyemezo. Muri icyo gihe Urwego rwasuraga ako Karere, kuri icyo kibazo Umukuru w'Intara ya Kibungo yasabye ko

mu gihe cy'ukwezi kumwe abagize uruhare mu koneshereza abaturage baba bafatiwe ibyemezo kandi hagashyirwaho uburyo buhoraho bwo gukumira no guhana ibyo bikorwa by'ubugizi bwa nabi.

Muri Cyarubare hari inyamaswa zo muri Pariki y'Akagera zirenga imbago za Pariki zikaza kona imyaka y'abaturage (urugero ni urw'inzovu yonnye ahantu hanini hafi imirenge ibiri none abaturage babujijwe kongera guhinga muri ako gace).

Ikibazo cy'ubwone bw'inyamaswa kiboneka no mu Karere ka Bukamba (Ruhengeri) no mu Turere tumwe na tumwe twegerereye pariki y'ibirunga.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Cyarubare bwagejeje icyo kibazo ku buyobozi bwa Ofisi y'Igihugu y'Ubukerarugendo (ORTPN) ngo bugifatire umwanzuro ariko abaturage ntibarasubizwa.

Urwego rw'Umvunyi rusanga ari byiza ko umutungo kamere n'ubwiza nyaburanga buhuruza amahanga bubungabungwa, ariko ni ngombwa ko n'umutungo w'abaturage ushyirwa imbere kuko ubwone bukenesha ingo nyinshi kandi ugasanga ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bugezweho icyo kibazo nta muti ubwabwo bwakibonera, abaturage bakaba bakeka ko batavuganirwa.

6. *Ikibazo cy'abaturage bimuwe n'Umujyi wa Nyagatare*

Hari ikibazo cy'abaturage bari batuye i Nyagatare bahafite n'amasambu kuva mu mwaka wa 1997, nyuma hajya mu mbago z'Umujyi none ubu ntaho bafite batura kubera ko nta mikoro bafite yo kubaka mu buryo bujyanye n'amategeko y'Umujyi.

Urwego rw'Umvunyi rwatanze inama y'uko hakorwa urutonde rw'abafite icyo kibazo bose kigakemurwa ku rwego rw'Intara harebwa aho batuzwa mu Karere ako ari ko kose hakurikijwe amikoro yabo, bagahabwa n'amafaranga yo kwishyura ibikorwa byabo bari bahafite.

7. *Ikibazo cy'imbibi z'amasambu ya Leta*

Hari ikibazo cy'imbibi z'amasambu y'Akarere ka Muvumba (Umutara) zitazwi neza, ibyo bigatuma imitungo y'Akarere (amashyamba n'inzuri) yitiranywa n'iy'abaturage ku giti cyabo. Iki kibazo gisa n'icy'andi masambu y'ibigo bya gisirikari nk'ikigo cya Huye (Kibungo) na Mukamira (Ruhengeri), abaturage bari basanzwe bakoresha bagashaka no kuyigarurira.

Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama y'uko hakorwa ibarura ry'iyi mitungo hifashishijwe inyandiko za Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi, amasambu ya Leta akamenyekana n'ay'abaturage akajya ahagaragara.

8. *Ikibazo cy'abasaba amasambu yabo kandi yaratujwemo abantu benshi*

Icyo kibazo cyagaragaye cyane ahahoze ari amasambu y'abatware mu gihe cy'ubwami cyangwa na nyuma y'ubwigenge gato, mu masambu y'abantu bahunze muri za 1959 aho usanga imiryango y'abo bantu yari ifite ibikingi nyuma yo guhunga ubuyobozi bugatuzamo abaturage cyangwa n'abayobozi basimbuye abo bahunze bakahifatira.

Ibibazo by'ingutu biba iyo isambu y'umuryango wahunze basanze yaratujwemo abantu benshi we ntabone aho atuzwa. Muri gahunda rusange y'Igihugu, ubundi abo bantu batuzwa nk'abandi banyarwanda bose badafite aho gutura, ariko hari igihe usanga uwo muryango uhungutse hari ibikorwa byawo usaba gusubizwa (amashyamba, amazu, n'ibindi...).

Urwego rw'Umuvunyi rwagiriye inama ubuyobozi ko isaranganya ari ryo ryashyirwa imbere, n'amabwiriza yaryo akubahirizwa.

9. Ikibazo cy'imiturire mu Mujyi wa Kigali

Ikibazo cy'imiturire mu Mujyi wa Kigali gifitanye isano no kuba hari Uturere twari dusanzwe mu Mujyi wa Kigali dufite ibibazo byihariye, hakaba n'utundi Turere twashyizwe mu Mujyi wa Kigali kandi twari dusanzwe tubarirwa mu Ntara ya Kigali Ngali.

Utwo Turere twose duhuriye ku kibazo kimwe cy'imiturire mu Mujyi wa Kigali.

Muri rusange, mu Mujyi wa Kigali hari ikibazo cy'imitunganyirize y'Umujyi hakurikijwe igishushanyo mbonera kigomba gukurikizwa mu myubakire. Hamwe na hamwe muri utwo Turere hari abaturage bafite amazu atajyanye n'icyo gishushanyo mbonera bisaba ko bubaka mu buryo bujyanye n'icyo gishushanyo cyangwa bakagurirwa n'ababifitiye ubushobozi.

Ibibazo by'Imiturire mu Mujyi wa Kigali biri mu bwoko butatu :

- Icyamba mbere ni igihe umuturage asabwa kwimuka icyo hari ikigiye gukorerwa aho yari atuye bigatuma yinubira icyo gikorwa ndetse akanakibonamo akarengane cyane icyo atari igikorwa gifitiye akamaro rusange abaturage ahubwo ari abantu ku giti cyabo baba bahawe ikibanza;
- Icyamba kabiri ni ibarura ry'imitungo rikorwa nyiri ikibanza adahari n'iryo barura rigatanga ibiciro bitajyanye n'igihe tugezemo, kandi amafaranga yakwishyurwa agashyirwa kuri konti y'Umujyi ku buryo kuyabona na byo bifata igihe;
- Icyamba gatatu ni abaturage basenyerwa huti huti n'ibikorwa byabo bitarishyurwa ngo banerekwe aho bajya mbere yo gusenyerwa nkuko biteganywa n'ingingo ya 19 n'iyi 24 z'Itegeko-Teka n°21/79 ryo ku wa 23/07/1979 rigena ibyo kwimura abantu kubera imirimo ifitiye Igihugu akamaro ryemejwe n'Itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26/01/1982, kugeza ubu ritarahinduka.

Hashingiwe ku bibazo abaturage bagiye bageza ku Rwego rw'Umuvunyi, hagiye haba

imishyikirano n'Umujyi wa Kigali kugira ngo amakosa yagendaga agaragara akosorwe abaturage basubizwe uburenganzira bwabo. Ibyinshi muri ibyo bibazo byarakemutse, ibindi biracyakurikiranwa.

Ku bijyanye n'inzitizi z'amategeko atajyanye n'igihe, Urwego rw'Umuvunyi rwasabye inama ya Guverinoma mu ibaruwa n° OMB. 03/767/11/04/UE yo ku wa 25/11/04 kureba uko yafata icyemezo cyo guhagarika ibikorwa by'itangwa ry'ibibanza mu Mujyi wa Kigali mu gihe

atari igikorwa cy'inyungu rusange kigamijwe, ndetse n'itegeko rigenga ubutaka n'itegeko ryo kwimura abantu kubera imirimo ifitiye igihugu akamaro akihutishwa kugira ngo asohoke mu igazeti ya Leta.

Ku bijyanye n'Uturere twahoze mu Ntara ya Kigali Ngali ubu twashyizwe mu Mujyi wa Kigali, hagomba gukurikizwa amabwiriza agenga imiturire mu Mujyi wa Kigali, bityo imirima yari itunze abaturage igatangwamo ibibanza.

Hari kandi ikibazo cy'imishinga y'ubuhinzi bwa kijyambere bugomba gukorerwa mu Turere twa Butamwa na Gisozi, aho abaturage ubu batemererwa guhinga ahari mu kwabo ngo kuko hateganyirijwe ibyo bikorwa.

Nk'uko bivugwa ko ari amashyirahamwe yateganyirijwe gushyira mu bikorwa iyo mishinga, Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ubuyobozi bw'utwo turere gushishikariza abo baturage basanzwe bahakoresha kwibumbira mu mashyirahamwe akaba ari bo bashyira mu bikorwa iyo mishinga.

Mu Karere ka Kanombe, ikibazo gikomeye ni icy'abaturage bimuwe mu byabo ahahoze hatuwe n'Umukuru w'Igihugu hamwe n'abamurindaga, badahawe indishyi cyangwa ingurane. Ubu abaturage bagarutsemo ariko amazu yabo yarasenywe, andi arangirika.

Urwego rw'Umuvunyi rwemereye abaturage kugeza icyo kibazo ku buyobozi kireba kugira

ngo gishakirwe igisubizo.

Bitewe n'uko byakunze kugaragara ko abajyanama bo mu Turere tugize Umujyi wa Kigali ndetse n'ab'Umujyi wa Kigali batagira uruhare rugaragara mu ikemura ry'ibibazo biremereye abaturage kandi ari bo babahagarariye ndetse bakanagira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo, Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza urwego rwa Njyanama gufasha Komite Nyobozi z'Uturere n'Umujyi wa Kigali gukemura ibibazo by'abaturage.

10. Ikibazo cy'Abakozi bamburwa n'imishinga n' amasosiyete bikorera hirya no hino mu Gihugu

Mu Turere tunyuranye, hari ibibazo byinshi by'abaturage bakoreye imishinga n'amasosiyete y'abantu bikorera ku giti cyabo ariko imirimo yarangira cyangwa yahagarara ntibishyurwe.

Ibi bibazo biri henshi mu Ntara z'Igihugu, ugasanga ubuyobozi bw'Uturere cyangwa Imijyi butaragize uruhare mu kurengera inyungu z'abaturage bayobora. Urwego rw'Umuvunyi ruracyakurikirana ibibazo kuko imishinga imwe n'amasosiyete amwe n'amwe bitakibaho cyangwa byahinduye ibyicaro.

Mu gusoza ibyiciro by'ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi, ni ngombwa ko hagaragazwa muri rusange imbonerahamwe y'ibibazo byakiriwe haba mu nyandiko zishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi, cyangwa ibibazo rwakira mu ngendo rukorera hirya no hino mu Gihugu.

Umubare w'ibibazo byakiriwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali biri mu mbonerahamwe iri ku rumapapuro rukurikira n'imyanzuro yagiye ibifatirwa iri muri raporo irambuye iri ku Rwego rw'Umuvunyi.

Ku byerekeye ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye mu nyandiko, umubare wabyo uri

mu mbonerahamwe ya kabiri igaragaza n'ubwoko bw'ibibazo byo muri buri Ntara.

IMBONERAHAMWE YA MBERE

Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gusura Uturere n'Imijyi

N°	INTARA N'UMUJYI WA KIGALI	UMUBARE W'UTURERE N'IMIJI	UMUBARE W'IBIBAZO BYAKIRIWE	IJANISHA
1	GITARAMA	10	130	8%
2	BUTARE	10	162	10%
3	GIKONGORO	7	98	6%
4	CYANGUGU	7	137	9%
5	KIBUYE	6	91	6%
6	GISENYI	10	223	14%
7	RUHENGERI	11	203	13%
8	BYUMBA	9	97	6%
9	UMUTARA	8	95	6%
10	KIBUNGO	10	122	8%
11	KIGALI NGALI	10	116	7%
12	UMUJYI WA KIGALI	8	115	7%
	IGITERANYO	106	1589	100%

Ibisobanuro :

- Uturere twa Ntenyo (Gitarama) na Kinihira (Byumba) ntitwashoboye gusurwa ku mpamvu y'amahugurwa yo gutegura amatora ya Komite z'Inama Njyanama z'Imirenga n'amahugurwa y'abunzi yari yateguwe muri buri Karere na Minisiteri

y'Ubutegetsi bw'Igihugu,Imiyoborere,Myiza,Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage kuva ku wa 16 kugeza ku wa 18 Ugushyingo 2004.

- Ibyinshi mu bibazo byakiriwe byagiye bibonerwa imyanzuro yagombaga gushyirwa mu bikorwa n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa Umujyi mu bufatanye n'inzego z'ibanze. Urwego rw'Umuvunyi ruzakomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ayo myanzuro.
- Muri ibi bibazo igihumbi magana atandatu na mirongo ine na birindwi (1647), hakubiyemo bimwe mu byo Urwego rwari rwarakiriye mu nyandiko n'ibindi bishya ari na byo byinshi, byakiriwe mu Karere cyangwa Imijyi byasuwe. Ibyo byaterwaga n'uko bamwe mu bafite dosiye ku Rwego rw'Umuvunyi batitabiraga inama.
- Hari n'ibibazo byakiriwe mu Turere n'Imijyi bitabonewe imyanzuro bikaba bigukurikiranwa mu nzego z'imirimo zitandukanye.

IMBONERAHAMWE YA KABIRI

Imiterere y'ibibazo byakiriwe mu nyandiko

N°	INTARA N'UMUJYI WA KIGALI	IBYICIRO BY'IBIBAZO					IGITE - RANY O	IJANI- SHA
		<i>Amasa- mbu n'imiturire</i>	<i>Ima- nza</i>	<i>Umu- rimo</i>	<i>Ibira- rane by' Aba- kozi</i>	<i>Ibindi (FARG , CSR...)</i>		
1	GITARAMA	64	77	15	6	35	197	8%

2	BUTARE	61	47	5	17	30	160	7%
3	GIKONGORO	16	23	5	7	17	68	3%
4	CYANGUGU	44	22	6	5	12	89	4%
5	KIBUYE	22	27	10	1	13	73	3%
6	GISENYI	30	57	13	19	15	134	6%
7	RUHENGARI	46	43	16	26	23	154	7%
8	BYUMBA	14	38	4	7	24	87	4%
9	UMUTARA	55	38	3	0	17	113	5%
10	KIBUNGO	33	18	10	6	14	81	3%
11	KIGALI NGALI	109	73	19	5	55	261	11%
12	UMUJYI WA KIGALI	270	217	194	11	226	918	39%
	IGITERANYO	764	680	300	110	481	2335	100%
	IJANISHA	33%	29%	13%	5%	21%	100%	

Ibisobanuro :

- Mu cyiciro cya “*Ibindi*“(FARG,CSR...) harimo amadosiye arebana n’ibibazo binyuranye ariko bitari mu byiciro bine bigaragara muri iyi mbonerahamwe, urugero ni ibirebana n’Isanduku y’Ubwiteganyirize bw’Abakozi, Ikigega cy’abacitse ku icumu rya jenocide, umutekano, abafunze badafite za dosiye muri Parike...
- Umubare w’ibibazo byashyikirijwe Urwego rw’Umuvunyi ni ibihumbi bibiri magana atatu na mirongo itatu na bitanu (2335) ariko hari n’ibindi magana ane na mirongo ine na bitandatu (446) byashyikirijwe izindi nzego Urwego rw’Umuvunyi rurabimenye-shwa.

Umubare w’ibibazo urutana muri buri Ntara ku buryo bukurikira :

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w’ibibazo byakemuwe n’ibigikurikiranwa.

IBYAKOZWE	UMUBARE	IJANISHA
DOSIYE ZARANGIYE	1668	71%
DOSIYE ZIGIKURIKIRANWA	667	29%
IGITERANYO	2335	100%

II.3.2 Amahugurwa

Amahugurwa y'inzeho z'ibanze ni umwe mu mirimo yaranze ishami rishinzwe gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo .

Ayo mahugurwa yatangiranye n'ukwezi kwa Nyakanga ageza mu ntangiriro z'Ugushyingo akaba yarakorewe ibyiciro bikurikira :

- Abaturage muri rusange;
- Inama Njyanama z'Uturere n'Imijyi;
- Inama Njyanama z'Imirenge na Komite Nyobozi z'Utugari twose, n'abandi bayobozi b'inzeho zatowe mu Turere n'Imijyi;
- Ibyiciro byihariye mu Karere n'Umujyi bigizwe n'abakozi b'Akarere n'Umujyi, abacuruzi, abarimu, abanyamadini n'imiryango itegamiye kuri Leta (ONGS).

Amahugurwa yari agamije :

- Kumenyekanisha imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi;
- Gushishikariza abagize ibyo byiciro kunoza imikorere yabo, guharanira uburenganzira bwabo no kwirinda kurenganywa cyangwa kurenganya;
- Kugira uruhare mu gikorwa cyo kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ;
- Gushishikariza abayobozi kurangiza inshingano zabo;
- Gukangurira abajijutse kugira uruhare mu gukemura ibibazo by'abaturage no gufasha

ubuyobozi gushyira mu bikorwa gahunda za Leta.

Muri rusange abahuguwe bagaragaje ko bishimiye amahugurwa kubera ko yatumye barushaho gusobanukirwa n'imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi n'igihe bashobora kurwiyambaza. Barushijeho kandi gusobanukirwa n'imiterere y'akarengane na ruswa n'uburyo bwo kuyirinda.

Mu ngendo Urwego rwakoze mu Turere tumwe na tumwe nyuma y'amahugurwa, rwagaragarijwe ko umubare w'ibibazo byakirwaga mu Turere ugenda ugabanuka kubera ko abaturage bakanguriwe kubyikemurira mu Tugari no mu Mirenge bafatanyije n'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze.

II. 4. ISHAMI RISHINZWE KURWANYA AKARENGANE RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO .

Mu ntambara yo kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze rutayishobora rwonyine keretse rufatanyije n'abanyarwanda bose n'inzego za Leta zose cyane cyane izishinzwe kugenzura (contrôle) n'izishinzwe gukurikirana "ikoreramumucyo" (accountability).

Ni muri urwo rwego, Urwego rw'Umuvunyi rubinyujije mu ishami rishinzwe kurwanya akarengane , ruswa n' ibyaha bifitanye isano na yo, rwiyejeje gusura izo nzego zose, rureba niba zikora zikurikije amategeko azigenga, rureba niba amategeko azigenga ateye neza, rureba kandi niba zifite inzego zigenzura (contrôle interne), uko zikora za raporo, uko zikurikirana ibyavuzwe muri za raporo, n'uko izo nzego zigenzurwa (contrôle externe).

Urwego rw'Umuvunyi rwahereye ku nzego z'Uturere n'Imijyi bigize Intara zose z'u Rwanda n'Umujyi wa Kigali. Rwasuye kandi inzego za Polisi.

Izo nzego zahereweho kubera ko ari zo zegereye abaturage cyane kandi zikaba zikorera mu

gihugu hose.

Muri iryo surwa, hari hagamijwe kureba niba imikorere y'izo nzego ya buri munsu idaha icyuho akarengane, ruswa n'ibyaha bifatanye isano nayo.

Mu gusura inzego zavuzwe haruguru hifashishijwe ibibazo byateguwe biri ku mugereka uri kuri iyi raporo.

II. 4. 1. Uturere n'Imijyi

Igihe cyo gusura Uturere n'Imijyi, Urwego rw'Umuvunyi rwabonye n'abagize Komite Nyobozi n'Inama Njyanama z'Akarere cyangwa z'Umujyi n'abakozi bo mu buyobozi bw'Akarere cyangwa Umujyi hagamijwe gusuzuma uko imiyoborere yifashe, imicungire y'umutungo w'Akarere n'Umujyi ihagaze, no gukurikirana ibibazo byihariye bya ruswa byaba bikekwa muri za serivisi zinyuranye zasuwe mu Turere n'Imijyi.

1. Imiyoborere

Mu nzego zasuwe z'Uturere n'Imijyi, inzego zishinzwe imiyoborere myiza ni Inama Njyanama, Komite Nyobozi n'Ubunyamabanga nshingwabikorwa ari rwo rwego rukuriye abakozi.

a. Igenzura ry'Inama Njyanama

Inama Njyanama ni rwo rwego rukuru ruyobora Akarere cyangwa Umujyi. Muri rusange, inshingano zarwo ni ukugena no kugenzura ibikorwa mu Karere cyangwa Umujyi.

Inama z'Inama Njyanama zigizwe na za komisiyo zihariye ziyifasha kugenzura imikorere y'Akarere cyangwa Umujyi no kugena ibikorwa bya ngombwa byafasha guteza imbere Akarere cyangwa Umujyi. Iyo hari ikibazo kidasanzwe hashyirwaho Komisiyo idasanzwe

yo kugukurikirana no kugifatira umwanzuro ushyikirizwa Inama Njyanama.

Inama z’Inama Njyanama zitumizwa kandi ziyoborwa uko amategeko abiteganywa n’inyandikomvugo zazo zigashyikirizwa ubuyobozi bw’Intara n’Umujyi wa Kigali nk’uko biteganywa.

Mu rwego rwo kumenyekanisha ibyavuye mu nama z’Inama Njyanama, ibyemezo bimanikwa ku biro by’imirenge bigatuma abaturage benshi bamenya ibyemezo byafashwe. Hari aho ariko abajyanama babura uko bageza ku baturage ibyemezo by’Inama Njyanama, kubera ko abahuzabikorwa b’imirenge batabatumira mu nama bakorana n’abaturage bityo abaturage ntibagire uruhare rugaragara mu ifatwa ry’ibyemezo no mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

Kuba hamwe na hamwe abajyanama batamenya amategeko abagenga (rimwe na rimwe kuko Komite Nyobozi iyabahisha, ubundi bigaterwa n’umwete muke wabo) bituma batigirira icyizere bityo bagatinya Komite Nyobozi, n’igenzura ry’ibikorwa mu Karere cyangwa Umujyi ntirishoboke.

Muri rusange ibyemezo by’Inama z’Inama Njyanama bifatwa ku bwumvikane bw’abayigize, ariko nta wabura kuvuga ko kuba Umuyobozi w’Akarere cyangwa Umujyi ari na we muyobozi w’Inama Njyanama bituma rimwe na rimwe ahitisha ibyemezo bya Komite Nyobozi cyangwa ibye bwite.

Inama Njyanama z’Uturere twinshi, ahanini zigizwe n’abarimu badatanga ibitekerezo byabo mu bwisanzure kuko batinya Umuyobozi w’Akarere ari na we ukuriye Inama y’uburezi mu Karere cyangwa Umujyi.

Nubwo mu gihe cyo gutangiza gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi habayeho guhangana hagati ya Komite Nyobozi n’Inama Njyanama ariko nyuma habayeho kwivugurura mu mikoreranire y’izo nzego zombi, kubera amahugurwa zagiye zibona yo

kuzuzanya no gukosorana aho guhangana

Nyuma yo gusuzuma imikorere y'Inama Njyanama, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze abajyanama batita ku miyoborere ya buri muni y'imirenge bahagarariye, kuko kenshi batajya mu nama z'imirenge kubera kudatumirwa n'abahuzabikorwa b'imirenge cyangwa kubura umwanya kuko abenshi ari abarimu.

Urwego rw'umuvunyi rurasaba abahuzabikorwa b'imirenge kujya batumira abajyanama bayo kandi inama zikaba ku muni y'ikiruhuko kugira ngo bashobore kuzitabira.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba kandi ko Inama Njyanama yarushaho gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo biba byafatiwe mu nama y'Inama Njyanama z'Uturere n'Imijyi.

Hamwe na hamwe Inama Njyanama ntizubahiriza inshingano yazo yo kugenzura umutungo w'Uturere n'Imijyi no kugenzura Komite Nyobozi muri rusange.

Rurasaba kandi Inama Njyanama kurangiza inshingano yazo yo kugenzura umutungo w'Uturere n'Imijyi no kugenzura Komite Nyobozi muri rusange.

b. Imikorere ya Komite Nyobozi

Komite Nyobozi ni urwego rushinzwe imiyoborere ya buri muni y'Akarere cyangwa Umujyi. Igizwe n'Umuyobozi w'Akarere cyangwa Umujyi afatanyije n'abayobozi bane bungirije .

Komite Nyobozi ishinzwe kandi gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Njyanama.

Mu mikorere yayo hari ibyo Urwego rw'Umuvunyi rwasanze bikwiye gushimwa, hakaba n'ibindi bikwiye gukosorwa kugira ngo imirimo irusheho kunoga.

Mu mikorere ya Komite Nyobozi, Urwego rwasanze ibyemezo bifatwa ku bwumvikane cyangwa binyuze mu matora y'abayigize, bityo hakabaho gukorera mu mucyo n'abaturage ntibaharenganire.

Abagize Komite Nyobozi bihatira kurangiza inshingano zabo muri rusange, bakiha gahunda y'imikorere cyane cyane mu gukurikirana no gukemura ibibazo by'abaturage . Ni muri urwo rwego ahenshi bagiye bigabanya imirenge buri wese akagira Umurenge akurikirana by'umwihariko, ariko nyuma y'igihe runaka agahinduranya na bagenzi be.

Ku bajyana ibibazo byabo ku Karere cyangwa Umujyi, hari umukozi uhoraho ushinzwe ibibazo by'abaturage (APA). Ibibazo bimugoye kubikemura akabishyikiriza Komite Nyobozi igafata umwanzuro. Na none akenshi abasanga iwabo mu mirenge.

Iyo miyoborere myiza yo kwegera abaturage ituma habaho imikoranire myiza hagati y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi ndetse bigafasha gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Njyanama.

Ahenshi mu Turere, Komite Nyobozi yose yihaye umunsi umwe mu cyumweru wo kwakira ibibazo by'abaturage. Ibibazo bibajijwe bifite igitabo cyabigenewe cyandikwamo uko ikibazo giteye n'umwanzuro cyafatiwe. Na none abaturage bagira ikaye yandikwamo ibibazo byabo n'umwanzuro ubuyobozi bwagezeho.

Imishinga yose ishyirwa mu bikorwa iba yaturutse mu baturage igaca muri CDC zitandukanye zo mu Karere, bigatuma n'ishyirwa mu bikorwa ryayo ryoroha kuko abaturage baba baragize uruhare mu kuyitegura. Iyo mishinga iba ikubiye mu gitabo kiba ku Karere “plan de développement communautaire”; ku buryo n'umuterankunga ushaka gufasha Akarere ahitamo muri iyo mishinga aho gukora icyo yishakiye.

N'ubwo hari ibyiza byinshi twasanze mu Turere, twabonye n'inenge . Hari aho usanga

Komite Nyobozi idaha Inama Njyanama raporo y'imikorere yayo na raporo ikorwa n'umugenzuzi w'Akarere cyangwa Umujyi , cyangwa se Komite Nyobozi igasaba umugenzuzi w'Akarere cyangwa Umujyi kugira ibyo ahindura muri raporo ye mbere y'uko ishyikirizwa Inama Njyanama.

Ikindi Urwego runenga ni uko abagize Komite Nyobozi mu Turere tumwe na tumwe twagiye duhuza amakomini arenze imwe, usanga bariciyemo ibice bashingiye ku nyungu z'agace baturukamo. Ibyo bigira ingaruka mbi ku majyambere y'Akarere no ku mikorere ya Komite Nyobozi muri rusange.

Hari aho ubwumvikane buke hagati y'abagize Komite Nyobozi butuma Umunyamabanga Nshingwabikorwa ahabwa amabwiriza n'abantu benshi bikagira ingaruka ku micungire y'abakozi n'umutungo w'Akarere cyangwa Umujyi.

Mu Turere tumwe na tumwe Umuyobozi w'Akarere aracyafata ibyemezo wenyine nka Burugumesitiri wa kera. Ntarumva ubuyobozi busangiwe (collective leadership).

2. Imicungire y' umutungo mu Turere n'Imijyi

Amategeko agenga Uturere cyangwa Imijyi ateganya uko umutungo ushakwa, uko ucungwa n'inzira ugomba gucama mu mikoreshereze yawo. Urwego rw'Umuvunyi rwasanze ayo mategeko muri rusange yubahirizwa.

Hamwe na hamwe mu Turere n'Imijyi imirimo yo gusoresha mu masoko yeguriwe abikorera ku giti cyabo, bitewe n'uko abakirizi b'imisoro batinjizaga imisoro uko bikwiye ndetse andi bakayanyereza kandi Akarere kakabahemba ari benshi . Akarere cyangwa Umujyi bigenzura uko iyo mirimo ikorwa.

Ni byiza ko mu Turere twinshi cyangwa Imijyi amafaranga abanza gushyirwa muri banki mbere y'uko akoreshwa; kuko ibyo bituma kugenzura imikoreshereze yayo byoroha.

Kubera imikoranire iri hagati y'Uturere cyangwa Imijyi na banki, hari aho Akarere cyangwa Umujyi bigirana na banki amasezerano yo kugahembera abakozi mu gihe katarabona amafaranga yo kubahemba bigatuma abakozi bahemberwa igihe.

Ku bijyanye no kwinjiza imisoro n'amahoro mu Turere n'Imijyi, MINALOC yohereza udutabo duhenze, cyane ko dukozwe n'impapuro nke zihabwa abasoreshwa, inyinshi zigasigara mu dutabo mu rwego rwo koroshya igenzura. Urwego rw'Umuvunyi rurasanga hakwiye kwigwa uburyo bwo gukoresha udutabo tudahenze ku buryo amafaranga twinjiza yaruta ayaguze utwo dutabo.

Ahenshi mu Turere cyangwa Imijyi imicungire y'ikigega cy'uburezi igenda neza kuko ikorwa na Komite ncungamutungo yihariye ubuyobozi bw'Akarere cyangwa Umujyi butabyivanzemo.

Nubwo muri rusange imicungire ari myiza amafaranga agenerwa buri munyeshuri atangwa mu buryo bunyuranye kuko hari aho anyuzwa kuri banki ahandi agatangwa mu ntoki, kandi rimwe na rimwe abanyeshuri bagahabwa umubare w'amafaranga utangana. Birakwiye ko amafaranga yose anyuzwa kuri konti ya banki.

Ku bijyanye n'itangwa ry'amasoko mu Turere no mu Mijyi, n'ubwo hari aho amwe atangwa n'akanama kabishinzwe, andi agatangwa na Komite Nyobozi nk'uko amategeko abiteganyaga, ahenshi mu Turere no mu Mijyi amasoko atangwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko, nk'Umuyobozi w'Akarere cyangwa Umujyi agatanga isoko ari wenyine cyangwa se Komite Nyobozi igatanga isoko ryagombye gutangwa n'akanama kabishinzwe.

Cyakora Urwego rwashimye ko hatagitangwa amafaranga yo gutangira imirimo cyane cyane y'ubwubatsi ku batsindiye amasoko, kuko abenshi iyo bayahabwaga mbere batakomezaga imirimo cyangwa se bakambura Akarere cyangwa Umujyi.

Urwego rurasanga kandi abashinzwe gutanga amasoko bakwiye gushaka inzobere zo gukurikirana uko imirimo ikorwa kugira ngo hubahirizwe amasezerano baba bagiranye n'abatsindiye amasoko.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari aho mu Turere n'Imijyi ingengo y'imari idakoreshwa neza kuko hari amafaranga akoreshwa ibyo atateganyirijwe kandi n'ayateganyijwe ntiyinjire yose.

Ku bijyanye no gusohora amafaranga , hari igihe bikorwa n'abatabifitiye ububasha, hakaba ndetse n'igihe amafaranga asohoka nta mpapuro za ngombwa zibitangira uburenganzira. Rimwe na rimwe, ntihateganywa ugomba gusinya ku mpapuro zisohora amafaranga igihe umwe mu basanzwe babikora adahari, ibyo bigatuma imirimo idindira.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze mu Turere tumwe na tumwe n'Imijyi amafaranga ari muri banki n'agaragara mu bitabo by'icungamutungo atangana kandi abacungamutungo mu Turere twinshi n'Imijyi batuzuza ibitabo byabugenewe nk'uko bikwiye, bikaba byaha icyuho inyereza ry'umutungo w'Akarere cyangwa Umujyi.

Urwego rwasanze na none hari Uturere n'Imijyi bitishyura amafaranga y'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi n'ay'umusoro ku mushahara, bigatuma umukozi adateganyirizwa n'isanduku ya Leta ikahahombera. Rurasaba ko byajya bikorerwa igihe kuko ari uburengazira umukozi ahabwa n'amategeko.

Uturere tumwe na tumwe n'Imijyi dutanga isoko ntiduhite dukuraho amafaranga 3% y'umusoro ateganywa n'amategeko ibyo bikaba ari ukunyereza umutungo ugomba kwinjira mu isanduku ya Leta.

II.4.2 Intara n'Umujyi wa Kigali

a. Intara

Mu gusura Intara zose z'igihugu, Urwego rw'Umuvunyi rwari rugamije gusuzuma imikoranire hagati y'Intara n'Uturere n'Imijyi bizigize, cyane cyane mu bijyanye no kureba niba Intara igira icyo ivuga ku byemezo bifatwa n'Uturere n'Imijyi mu minsi itarenga irindwi nk'uko biteganywa n'itegeko kugira ngo ibyo byemezo bishyirwe mu bikorwa; no gusuzuma uburyo Intara zikurikirana imicungire y'umutungo w'Uturere n'Imijyi.

Muri rusange, Urwego rwasanze Intara zigira icyo zivuga ku byemezo bifatwa n'Uturere n'Imijyi mu gihe giteganywa n'itegeko.

Ku bijyanye no gukurikirana imikoreshereze y'umutungo w'Uturere n'Imijyi, Urwego rwasanze Intara yohereza abagenzuzi mu Turere n'Imijyi, ariko abo bagenzuzi ntibafite uburyo bwo kugera aho bagomba kugenzura hose ku buryo baja ahari ibibazo gusa. Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko bakongererwa ubushobozi kugira ngo imirimo y'igenzura ikorwe hose.

Iyo hari abagaragaweho inyereza cyangwa ruswa nyuma y'igenzura, barirukanwa, bagahabwa ibindi bihano byo mu kazi no gusabwa kwishyura ariko ntibakurikiranweho ibyo byaha. Urwego rurasaba ko abakekwaho ibyo byaha baja bakurikiranwa mu nkiko.

b. Umujyi wa Kigali

Umujyi wa Kigali ufite umwihariko kuko ugengwa n'amategeko yihariye, ufite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'umutungo. Umujyi wa Kigali uhuza ibikorwa by'Uturere tuwugize, imishinga ikorera muri utwo Turere no kuyishakira abaterankunga, gukurikirana ibikorwa by'imiryango itegamiye kuri Leta. Umujyi wa Kigali ufite undi mwihariko wo kuba "décentralisation"ya wo iri amaharakubiri : Umujyi n'Akarere.

Kugeza mu mpera z'umwaka wa 2004, Urwego rw'Umuvunyi rwasuye Inama Njyama n'inzego z'imirimo zikuriwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa hagamijwe gusuzuma imikorere ya buri rwego rw'imirimo mu Muji wa Kigali.

1° Inama Njyanama

Imikorere y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ijya gusa n'iy'Uturere n'Imijyi ku buryo ibyagaragaye mu isura ry'Uturere n'Imijyi ni na byo bigaragara mu Muji wa Kigali usibye umwihariko turi bwibandeho.

Abajyanama bafite ubunyamabanga buhoraho bubafasha gukurikirana imikorere y'Umujyi wa Kigali, bukanabika neza inyandiko z'Inama Njyanama, ariko Inama Njyanama ntimenya ibikorwa mu Muji wa Kigali byose kubera ko hakorerwa imirimo myinshi itandukanye.

Mbere y'uko ibyemezo by'Inama Njyanama bihinduka amabwiriza agomba gushyirwa mu bikorwa, bibanza gutangazwa mu Igazeti ya Leta no ku maradiyo kugira ngo abaturage babimenyeshwe.

Inama z'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ziterana mu minsi itari iy'akazi kugira ngo abajyanama bafite indi mirimo babashe kuzitabira.

Ku byerekeye imikoranire hagati y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali, Urwego rwasanze abajyanama badakoresha ububasha bahabwa n'itegeko kuko ibyemezo bishyirwa mu bikorwa biba bitunguranyweho ibitekerezo, ahubwo ari ibiba bivuye muri Komite Nyobozi gusa. Ibyo kandi biterwa n'uko ibyemezo byinshi bifatwa byitwa

ko byihutirwa bigashyirwa mu bikorwa bitanyuze mu Nama y'Inama Njyanama, ikzabimenyeshwa byararangiyeye. Bityo abajyanama ntibagire icyo babivugaho banga kwiteranya na Komite Nyobozi cyangwa kuko nta garuriro biba bigifite.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko ibyemezo bishyirwa mu bikorwa byajya bifatwa n'Inama Njyanama iyo amategeko ari ko abiteganya, kandi Inama Njyanama igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo byemezo.

Kugeza igihe Urwego rw'Umuvunyi rwasuraga Umujyi wa Kigali, rwasanze Komisiyo yo kurwanya akarengane ariho igishyirwaho nyamara mu zindi Ntara z'igihugu izo komisiyo zari zimaze hafi umwaka zikora.

Muri rusange abajyanama ntibagira uruhare rugaragara mu gukurikirana no gukemura ibibazo by'abaturage, n'iyi bagerageje gutanga ibitekerezo ku bibazo bimwe na bimwe ntibishyirwa mu bikorwa na Komite Nyobozi.

2° Inzego z'imirimo inyuranye

Mu gusura inzego z'imirimo zikorera mu Mujyi wa Kigali, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari imirimo igenda neza ariko hari n'imikorere ikwiye gukosorwa.

Mu rwego rw'imiturire Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari dosiye zavuye muri Minisiteri y'Ibikorwa remezo zitagize icyo zikorwaho haba mu gutanga ibibanza cyangwa se mu kuzuzanya ibyangombwa by'ibibanza ababisaba bari basanganywe, imitangire y'ibyo bibanza iha icyuho ruswa ku bantu bashya babisaba, ikanarenganya abari babisanganywe.

Cyakora abasaba ibibanza ahataganyijwe hashya, hari umushinga witwa GEOMAPS ufasha mu gutunganya igishushanyo mbonera cy'imiturire ndetse no kubika amadosiye y'ibibanza ku buryo bugezweho. Aho uwo mushinga utangiriye byagaragaye ko nta kibanza kigitangwa inshuro zirenga imwe ku bantu banyuranye nk'uko byakunze kugaragara.

Amasoko atangwa mu buryo bwemewe n'amategeko ariko ntiyubahirizwe mu gihe cyo kubishyira mu bikorwa, bikaba na byo biha icyuho ruswa.

Umujyi wa Kigali ufite abakozi bashinzwe kwakira no kuyobora abawugana, abafite amadosiye agashyikirizwa serivisi zibishinzwe, byaba ngombwa bagahabwa gahunda yo kwakirwa muri izo serivisi.

Mu rwego rwo kwinjiza imisoro n'amahoro ,Umujyi wa Kigali ufite konti uhuriyeho n'Uturere ku buryo buri Murenge ubona icumi ku ijana (10%) Akarere mirongo itanu ku ijana (50%), hakurikijwe aho iyo misoro ikomoka, Umujyi wa Kigali ugasigarana mirongo ine ku ijana (40%).

Mu rwego rw'imicungire y'abakozi, Urwego rwanenze ko hari abakozi bamaze imyaka ibiri bakora ariko bakaba bagifatwa nka ba nyakabyizi.

Hakurikijwe iterambere Umujyi wa Kigali ugezeho, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hari amwe mu mabwiriza y'Umujyi wa Kigali ashirwa hejuru y'amategeko ataravanwaho kandi atakijyanye n'igihe tugezemo, urugero ni nk'amabwiriza agena ihazabu icibwa ku makosa anyuranye. Byongeye kandi amabwiriza y'ihazabu ntakurikizwa kimwe ku ikosa rimwe.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze kandi hari igongana ry'inze za Minisiteri n'Umujyi wa Kigali mu bikorwa bimwe na bimwe kandi iryo gongana rikagira ingaruka mbi ku mibereho y'abaturage n'abakozi.

Urugero ni ibyemezo byo gufungura no gukoresha farumasi bitangwa na Minisiteri y'Ubuzima ariko farumasi zigafungwa n'Umujyi wa Kigali.

Urundi rugero ni itangwa ry'ibirombe bicukurwamo umusenyi cyangwa amabuye bikorwa na Minisiteri y'Ubutaka ababihawe bagafungirwa n'Umujyi wa Kigali, ibyo na byo bikagira ingaruka ku bakozi baba bafitemo akazi, bigatera n'igihombo abahawe ubwo burenganzira bityo bikaba byaha icyuho ruswa.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko ayo mabwiriza yajya ashirwaho hakurikijwe

amategeko kandi amategeko ashaje akavugururwa kugira ngo ajyane n'igihe tugezemo.

II.4.3 Inzego za polisi

Mbere yo gusura inzego za polisi zinyuranye , Urwego rw'Umuvunyi rwaganiriye n'ubuyobozi bukuru bwa polisi ku birebana n'amategeko n'andi mabwiriza polisi igenderaho.

Inzego za Polisi zasuwe ni Ubuyobozi Bukuru bw'Ifasi za Polisi zose uko ari eshanu (ifasi iba igizwe n'Intara ebyiri cyangwa eshatu), Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi mu Ntara umunani n'Ubuyobozi bwa Sitasiyo za Polisi ebyiri ebyiri muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Ubuyobozi bwa Polisi bukurikiranira hafi imikorere y'abapolisi bushinzwe busuzuma raporo zitangwa buri muni ku buryo bifasha mu kurwanya ruswa ishobora kuboneka mu mirimo inyuranye nko mu ikorwa ry'amadosiye abagenzacyaha ba Polisi bashyikiriza ubushinjacyaha.

Kugira ngo imirimo y'abo bagenzacyaha irusheho kugenda neza bahabwa amahugurwa mu bufatanye n'inzego za Parike.

Polisi ikorana neza n'izindi nzego z'ubuyobozi ndetse n'abaturage mu kubungabunga umutekano no gukurikirana ibyaha nk'uko biri mu nshingano zayo. Muri uko gukurikirana ibyaha igira uruhare mu kurwanya ruswa n'akarengane.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze ariko Urwego rwa Polisi rufite inzira nziza yo guha uburenganzira abaturage mu kugira uruhare mu kugenzura polisi yabo.

Kuba polisi ari rumwe mu nzego zigize Inama y'umutekano itaguye bituma ibona uburyo bwizabwo lugeza ku buyobozi ibyo ibona byerekeranye n'uko umutekano w'abantu

n'ibintu umeze mu Ntara n'ibyakorwa kurira ngo urusheho kuba mwiza. Ibyo kandi bituma polisi imenyeza muri iyo nama ibikorwa hirya nohino mu Turere bikayifasha mu nshingano zayo. Polisi iboneraho kumenya ibikorwa n'izindi nzego n'uko yafatanyaga na zo.

Polisi ni rumwe mu nzego zigize "comité directeur y'Intara igizwe na : OC, Umukuru w'Intara na PPC. Buri muni polisi ibona raporo iturutse mu Turere twose na yo igaha kopi buri muni abagize Komite Nyobozi bese. Iyo Komite ihura rimwe mu cyumweru bigatuma imenya ubuzima bw'Intara bayobora. Ibyobumvikanyeho babishyikiriza inama y'umutekano itaguye kandi buri wese akagira uruhare mu gusonaura ibimureba mu rwego rw'imiyoborere myiza.

Inzego za Polisi zikorere kuri gahunda inoze . Buri wese aba ari inshingano ze nta kwivanga m'uzundi muntu kandi batanga raporo ku gihe ku buryo ku wa 30 ya buri kwezi raporo iba yageze kwa Komiseri Mukuru.

Inzego za polisi ziba hafi y'abaturage ku buryo ugize ikibazo wese polisi irabimenya igafatanyaga n'izindi nzego mu kugikemura.

Mu biro byinshi bya polisi iyo umuntu yinjijemo asanga hamanitse imbonerahamwe y'ibyaha bikunze kugaragara muri ako Karere. Ibi bituma ababishinzwe bashobora gufata ingamba za guhashya ibyaha byiganje muri ako Karere.

Mu rwego rwo kurwanya ruswa ku mihanda, Ubuyobozi bwa Polisi bufite abagenzuzi bareba imikorere y'abapolisi bashinzwe umutekano ku mihanda. Ubundi buryo bukoreshwa mu kurwanya iyo ruswa ni ukubahinduranya kugira ngo batamenyera ahantu hamwe kuko byaha icyuho ruswa, kandi abafatiwe mu cyaha cya ruswa bakabihanirwa. Na none bakangurirwa buri gihe kwirinda ruswa kubera ingaruka mbi zayo.

N'ubwo hafashwe izo ngamba, hari abapolisi bamwe na bamwe banengwa kuba barangwa na ruswa, uwo igaragaye agahanwa by'intangarugero.

Mu mikorere ya polisi hari inzitizi igenda ihura na zo. Muri zo twavuga :

- Umubare muke w’abapolisi ugereranyije n’inshingano zabo n’umubare w’abaturage bagomba gukorera;
- Amikoro make atera ingaruka ku mikorere y’abapolisi nko kutagira ibikoresho bihagije bituma biyambaza izindi nzego z’imirimo kugira ngo barangize inshingano zabo, kutagerera igihe aho icyaha cyabereye, kutagira uburyo bwo gutunga abafungiwe kuri za sitasiyo za Polisi n’ibindi... Ibyo byose bishobora guha icyuho ruswa n’ibindi byaha bifitanye isano na yo. Ariko icyagaragariye Urwego rw’Umuvunyi n’uko nubwo polisi ifite ibikoresho bike nadi isabwa imirimo myinshi, muri rusange ikora akazi kayo neza.

Mu rwego rwo kurwanya akarengane na ruswa, uretse kugenzura inzego z’Ubuyobozi zavuzwe, Urwego rw’Umuvunyi ruracyakurikirana n’amadosiye y’abantu bakekwaho ruswa n’inyereza ry’umutungo wa Leta. Iperereza kuri abo bantu nirirangira dosiye zizashyikirizwa inzego z’ubutabera kugira ngo ibyaha nibibahama babihanirwe.

II.4.4 Ibikorwa byo kurwanya ruswa

Ibikorwa bya ruswa n’ibyaha bifitanye isano na yo Urwego rw’Umuvunyi rwabonye haba ubwo rwasuraga inzego zinyuranye cyangwa ubwo rwabonaga amakuru mu buryo bunyuranye byarakurikiranywe bimwe bishyikirizwa inzego zibishinzwe ngo bikurikiranwe nk’uko bigaragara mu mbonerahanwe ikurikira .